REPUBLIC OF RWANDA

RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA)
KN 3 AV, 2 KIGALI/RWANDA
10th, 11th & 12th FLOORS, GRAND PENSION PLAZA
P. O .Box: 4276
Tel: (+250) 0786582957
E-mail: rppa@rwanda1.rw

INYANDIKO IGARAGAZA UKO BA RWIYEMEZAMIRIMO BISHYUZA IBYO BABA BAKOREYE INZEGO ZA LETA N'IBYO IZI NZEGO ZIKWIYE GUKORA KUGIRANGO ZISHYURE ABA BA RWIYEMEZAMIRIMO NTA BUKERERWE BUKABIJE BUBAYEHO (CITIZEN CHARTER ON PAYMENT MODALITIES IN PUBLIC INSTITUTIONS)

Iriburiro

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta (RPPA), nk'ikigo gishinzwe kugira inama Leta ku mitunganyirize y'igikorwa cyo gutanga amasoko no gucunga amasezerano, gutegura amategeko n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta, kongera ubushobozi ku bakozi bashinzwe amasoko ya Leta, kugenzura no gukurikirana inzego za Leta uko zubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga amasoko ya Leta cyahawe inshingano zo gukorera ubuvugizi no gufasha ba rwiyemezamirimo gukurikirana inyemezabuguzi zabo ziba zarakerewe kwishyurwa n'inzego za Leta baba barakoreye amasoko.

Gukererwa kwishyura inyemezabuguzi ziba zatanzwe na ba rwiyemezamirimo baba barakoze ibyo basabwa n'amasezerano bagiranye n'inzego za Leta ntibidindiza gusa iterambere rya rwiyemezamirimo ahubwo bidindiza muri rusange iterambere ry'igihugu. Ni muri urwo rwego, RPPA yakiriye neza inshingano zo gukorera ubuvugizi ba rwiyemezamirimo baba batinze kwishyurwa, ugereranije n'igihe kiba giteganywa mu masezerano, inyemezabuguzi zabo baba batanze mu nzego za Leta bagiranye amasezerano.

Iyi nyandiko ije mu rwego rwo gufasha ba rwiyemezamirimo gusobanukirwa neza inzira uwishyuza Leta anyuramo kugirango yishyurwe, inyandiko asabwa gutanga iyo yishyuza n'igihe azitangira, uko akurikirana inyemezabuguzi yatanze, uko yifata mugihe atinze kwishyurwa n'urwego yakwiyambaza ngo rumufashe gukurikirana ikibazo cye iyo habayeho gutinda kwishyurwa.

Muri iyi nyandiko kandi, RPPA iragira inama inzego za Leta ibyo zigomba kwitaho iyo zakiriye inyemezabuguzi za ba rwiyemezamirimo bagiranye amasezerano ku masoko ya Leta, icyo zigomba gukora, iminsi ikwiye kugirango rwiyemezamirimo abe yishyuwe iyo yatanze ibisabwa byose kugirango yishyurwe kandi bitunganye, icyo urwego rwa Leta rukora iyo inyandiko rwiyemezamirimo wishyuza yatanze zituzuye cyangwa zidatunganye, uko zimenyesha rwiyemezamirimo iyo yishyuwe n'ibindi.

Iyi nyandiko ni iyambere yateguwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta (RPPA) mu rwego rwo gufasha ba rwiyemezamirimo n'inzego za Leta baba bagiranye amasezerano gusobanukirwa uko ba rwiyemezamirimo bishyuza izi nzego n'uko nazo zikwiye kwishyura bitarenze igihe giteganywa n'amasezerano. Niyo mpamvu dusabye buri wese uzayisoma kuduha ibitekerezo byazadufasha mukuyinononsora kugirango igikorwa cyo kwishyuza no kwishyura ibyakorewe Leta kirusheho kugenda neza.

Murakoze.

0 9 Oct 2013

SEMINEGA Augustus

Umuyobozi Mukuru wa RPPA

IBIRIMO

1. **Iriburiro……..1**
2. **Ibirimo…….....2**
3. **Uwishyuza urwego rwa Leta…….....3**
4. **Ibyishyuzwa n'igihe cyo kwishyuza……..3**
5. **Impapuro zisabwa rwiyemezamirimo wishyuza…….4**
6. **Ibisabwa rwiyemezamirimo mbere yo kwishyuza……..6**
7. **Inzira zo kwishyuza……7**
8. **Uko rwiyemezamirimo yifata mu gihe atishyuwe……...8**
9. **Ibisabwa inzego za Leta…….8**
10. **Uko rwiyemezamirimo amenyeshwa niba yarishyuwe……...9**

1. Uwishyuza urwego rwa Leta

Muri iyi nyandiko, uwishyuza urwego rwa Leta ni rwiyemezamirimo wagiranye amasezerano n'urwo rwego yo kuruha ibigemurwa cyangwa kurukorera imirimo y'ubwubatsi cyangwa kuruha serivisi z'impuguke cyangwa ibindi urwego rwakenera akabikora uko amasezerano abiteganya kandi bigasuzumwa bikanemezwa n'abakozi babishinzwe b'urwo rwego. Ibi bivuze ko uwishyuza asabwa ibi bikurikira:

- ✓ Kuba yaragiranye amasezerano n'urwego rwa Leta yishyuza,
- ✓ Kuba yarakoze ibimureba muri ayo masezerano. Ni ukuvuga kuba yaragemuye ibigemurwa, yarakoze se imirimo isabwa cyangwa serivise zisabwa n'amasezerano,
- ✓ Kuba ibyo yakoze yarabigejeje cyangwa yarabimurikiye urwego bagiranye amasezerano
- ✓ Kuba ibyo yagejeje cyangwa yamurikiye urwego bagiranye amasezerano byarasuzumwe n'abakozi b'urwo rwego kandi barabyakiriye bikemezwa na raporo y'iyakira.

Twibutse abishyuza ko ntawemerewe kwishyuza ibyo yakoze mu gihe yabikoze nta masezerano yagiranye n'urwego rutanga isoko kabone n'iyo byaba ari inyongera ku masezerano yagiranye n'urwo rwego. Amasezerano y'inyongera nayo agomba kuba mu nyandiko yemeranijweho kandi igasinywa n'impande zombi.

Icyitonderwa

Ku masoko y'ibigemurwa cyangwa serivise zimwe na zimwe zitari iz'impuguke (nonconsulting services) atarengeje miliyoni eshanu z'amanyarwanda (5,000,000Rwf***) amasezerano hagati y'impande zombi ashobora gusimburwa na "purchase order" yashyizweho umukono n'urwego rutanga amasoko***.

2. Ibyishyuzwa n'igihe cyo kwishyuza

Nk'uko byavuzwe haruguru, ibyishyurwa ni ibyagemuwe cyangwa byakozwe na rwiyemezamirimo kandi bikakirwa n'urwego rwagiranye amasezerano n'uyu rwiyemezamirimo. Byumwihariko, ibyishyuzwa ni ibi bikurikira:

i. Imirimo

Imirimo yishyuzwa ni imirimo yakozwe kandi **ubwiza n'ingano yayo ikemezwa n'ushinzwe gukurikirania imirimo** washyizweho n'urwego rutanga amasoko, ashobora kuba umukozi w'urwo rwego, undi mukozi cyangwa isosiyete byigenga.

Uwishyuza imirimo yakoze ntagomba kwishyuza imirimo yishyuje mu nyemezabuguzi iherutse, agomba kandi kwishyuza akoresheje inyemezabuguzi igaragaza agaciro k'imirimo amaze gukora yose, iyishyuwe n'iyo yishyuza akerekana kandi kuri buri nyemezabuguzi amafaranga, ku ijanisha riteganywa n'amasezerano, yishyura avansi yahawe niba ihari.

Ntawishyuza ibikoresho by'ubwubatsi yagejeje aho inyubako iri igihe atarabikoresha kuri iyo nyubako.

ii. **Serivisi**

Uwakoreye urwego rwa Leta serivise, iyo ariyo yose, yishyuza akurikije igihe giteganywa n'amasezerano kandi arangije igice cy'imirimo ya service asabwa kurangiza muri icyo gihe. Igice cya serivise cyishyurwa ni icyatangiwe raporo (deliverable) nk'uko isabwa mu masezerano kandi ikemezwa n'urwego rwagiranye amasezerano na rwiyemezamirimo utanga iyo serivise.

iii. Ibigemurwa

Hishyuzwa ibyagemuwe kandi byakiriwe n'abakozi b'urwego rwagiranye amasezerano na rwiyemezamirimo wishyuza. Ku bigemurwa bikurikiza amasezerano mpuzamahanga y'ubucuruzi (Incoterms), hishyuzwa ibicuruzwa byahawe urwego rwa Leta bikurikije "incoterm" iri mu masezerano iteganya igihe ibicuruzwa biba byabaye inshingano z'uwaguze.

3. Impapuro zisabwa rwiyemezamirimo wishyuza

a. Ku masezerano y'imirimo

i. Ibaruwa iherekeza inyemezabuguzi,
ii. Raporo y'imirimo imaze gukorwa yemejwe n'ushinzwe gukurikirana imirimo

iii. Inyemezabuguzi y'umwimerere kandi yemejwe n'ushinzwe gukurikirana imirimo
iv. Kopi y'amasezerano,
v. Imibare igaragaza uko igiciro cy'ibyishyuzwa cyabazwe. Ni ukuvuga kwerekana uko igiciro fatizo (Unit prices) cyakubwe n'ingano y'ibyakozwe, uko amafaranga ya avansi iyo yatanzwe yakuwe mu gaciro k'ibyishyuzwa, imirimo imaze gukorwa yose hamwe, iyishyuwe ubushize, iyakozwe yishyuzwa n'isigaye gukorwa, uko amafaranga akatwa y'ubukererwe, iyo buhari yabazwe n'ibindi.

b. Ibigemurwa (goods)

i. Ibaruwa iherekeza inyemezabuguzi,
ii. Kopi y'amasezerano,
iii. Inyemezabuguzi y'umwimerere,
iv. Raporo y'isuzumwa n'iyakirwa ry'ibyagemuwe,
v. Amasezerano y'umwimerere,
vi. Icyangombwa cya "laboratory" iyo ibyagemuwe bisabwa kubanza gusuzumwa na "laboratory",
vii. Icyangombwa cy'ibyagemuwe (goods delivery notes),
viii. Impapuro zerekana ko ibicuruzwa byapakiwe kandi byagejejwe aho bigomba kugera (shipping documents or airway bill) iyo mu masezerano hakoreshejwe "Incoterms",
ix. Imibare igaragaza uko igiciro cy'ibyishyuzwa cyabazwe. Ni ukuvuga kwerekana uko igiciro fatizo (Unit prices) cyakubwe n'ingano y'ibyagemuwe, uko amafaranga ya avansi iyo yatanzwe yakuwe mu gaciro k'ibyishyuzwa, uko amafaranga akatwa y'ubukererwe, iyo buhari yabazwe n'ibindi.

c. Servise z'impuguke

i. Ibaruwa iherekeza inyemezabuguzi,
ii. Kopi y'amasezerano,
iii. Kopi ya raporo y'ibisabwa mu masezerano (Deliverable),

iv. Raporo cyangwa icyemezo cyangwa ibaruwa y'urwego rutanga amasoko yerekanako "deliverable" yemewe n'urwego rwa leta rwagiranye amasezerano na rwiyemezamirimo.

4. Ibisabwa rwiyemezamirimo mbere yo kwishyuza

i. Rwiyemezamirimo wagiranye amasezerano n'urwego rwa Leta agomba kubanza gusobanukirwa neza n'ibyo amasezerano amusaba gukora kugirango azabashe kwishyuza. Ibi ni ukugirango adakora ibyo adasabwa noneho bikaba byamutera igihombo kirimo kwanga inyemezabuguzi ze igihe yishyuza. Ibi ni ukuvuga ko agomba gusobanukirwa neza ibirebana na "Technical specifications" cyangwa "terms of References"

ii. Gusobanukirwa n'amategeko n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta no kutemera gukora amasoko ya Leta mu nzira zinyuranye n'ayo mategeko n'amabwiriza. Ingero ni nko:

- ✓ Gukora amasoko ya Leta nta masezerano rwiyemezamirimo yagiranye n'urwego rwa Leta,
- ✓ Gukora isoko rya Leta agendeye gusa ku ibaruwa imumenyesha ko yatsindiye isoko,
- ✓ Gukora amasoko ya Leta mu gihe nta "technical specifications" cyangwa "terms of reference" yahawe n'urwego rwa Leta,

iii. Gusoma no kumva neza amasezerano cyane cyane igihe n'inzira byo kwishyuza ibyakozwe n'ibyo asabwa kugirango yishyurwe,

iv. Gukora neza kandi akubahiriza amasezerano kugirango yirinde impaka n'urwego rwa Leta

v. Kumenya neza ibyangombwa/impapuro zisabwa kugirango rwiyemezamirimo yishyurwe,

vi. Kutarenza ingano y'ibiri mu masezerano utabyumvikanyeho mu nyandiko n'urwego mwagiranye amasezerano no kutishyuza ibirenze ibyo rwiyemezamirimo yakoze cyangwa yagemuye,

vii. Gutangira inyemezabuguzi ku gihe no kuyikurikirana (follow-up) igihe rwiyemezamirimo yarangije gukora ibyo asabwa n'amasezerano,

viii. Kutarenza ibyo wakoze mu gihe cyo kwishyuza (not over- invoicing services provided),

5. Inzira zo kwishyuza

Nk'uko byavuzwe haruguru, uwishyuza Leta ni rwiyemezamirimo wagiranye nayo amasezerano yo gukora isoko kandi akarikora. Ibyo yakoze, yaba ibyo yagemuye, yaba imirimo cyangwa se serivise yakoze bigomba kubanza gusuzumwa kandi bikemezwa n'abakozi b'urwego rwa Leta rufitanye amasezerano na rwiyemezamirimo cyangwa abaruhagarariye ku buryo bwemewe kandi bwagaragajwe mu masezerano.

Iyo rero ibyo rwiyemezamirimo yakoze byemewe, nibwo ashobora kwishyuza. Yishyuza ate?

Rwiyemezamirimo wishyuza ategura ibaruwa iherekeza inyemezabuguzi ye n'impapuro zose zisabwa mu masezerano n'izindi zavuzwe muri iyi nyandiko. Izo mpapuro zose azishyikiriza urwego bagiranye amasezerano. Azigeza kubashinzwe kwakira impapuro/amabaruwa yinjiye b'urwego yishyuza. Ni ukuvuga kuri "reception desk". Rwiyemezamirimo yitwaza kopi y'ibaruwa yanditse agatererwaho kashe y'ikigo nk'icyimenyetso cy'uko inyemezabuguzi ye yakiriwe.

Iyo inyemezabuguzi irengeje iminsi 3 y'akazi itarasubizwa uwayitanze, bivuze ko iyo nyemezabuguzi nta makosa ifite kandi yemewe n'urwego rwayakiriye. Nyuma y'iyo minsi rwiyemezamirimo ategereza kwishyurwa.

Rwiyemezamirimo agomba kwishyurwa mu gihe kitarenze iminsi yateganijwe mu masezerano. Iyo iyo minsi iri munsi y'iminsi 45, urwego rwa Leta rushobora kurenza iminsi iri mu masezerano ariko igihe cyo kwishyura inyemezabuguzi yakiriwe kandi ikemerwa n'urwego rwa Leta ntirenza iminsi 45 uhereye igihe iyo nyemezabyuguzi yakiriwe.

Urwego rwa Leta rwakiriye inyemezabuguzi, ntirugomba kurenza iminsi 3 y'akazi rutarasubiza iyo nyemezabuguzi rwiyemezamirimo wayitanze mu gihe rusanze iyo nyemezabuguzi ifite ikibazo. Mu gihe rusubije inyemezabuguzi rwiyemezamirimo, urwego rwa Leta rugomba kumusobanurira mu nyandiko, ikibura mu nyemezabuguzi cyangwa ikigomba gukosorwa kugirango rwiyemezamirimo yishyurwe.

6. Uko rwiyemezamirimo yifata mu gihe atishyuwe

Mu gihe uwishyuza yatanze inyemezabuguzi ntayisubizwe mu nzira ziteganywa muri iyi nyandiko, bivuze ko iyo nyemezabuguzi yatanze ntakibazo ifite ikaba igomba kwishyurwa. Iyo iminsi iteganywa n'amasezerano irangiye atarishyurwa, rwiyemezamirimo asabwe ibi bikurikira:

- ✓ Kwandikira urwego rwa Leta bafitanye amasezerano ibaruwa yibutsa kandi isaba kwishyurwa,
- ✓ Mu gihe hashize iminsi 15 atarishyurwa cyangwa atarahabwa ibisobanuro by'impamvu atarishyurwa kandi byumvikana, uhereye ku munsi yatangiyeho ibaruwa yibutsa, rwiyemezamirimo yandikira RPPA, agaha kopi urwego bagiranye amasezerano, ayisaba kumufasha gukurikirana urwego rwa Leta rutamwishyura,
- ✓ Iyo birenze iminsi 30, uhereye igihe yandikiye RPPA atarishyurwa, yandikira MINECOFIN agaragaza ikibazo cye,

7. Ibisabwa inzego za Leta

Kugirango igikorwa cyo kwishyura ba rwiyemezamirimo baba bakoreye Leta servise kigende neza, inzego za Leta zirasabwa ibi bikurikira:

- ✓ Nta rwego rwa Leta rwemerewe gutangaza isoko rudafite cyangwa rutizeye ku buryo budashidikanywaho amafaranga yo kuzishyura uzakora isoko,
- ✓ Mbere yo gutangaza isoko, urwego rwa Leta rugomba kubanza gusuzuma niba ibyo rushaka muri iryo soko byuzuye kandi byumvikana neza haba mu ngano cyangwa mu bwiza n'imikorere (quantity, technical specifications and/or terms of reference),
- ✓ Kwizera neza ko amasezerano agaragaza neza igihe n'uburyo bwo kwishyuza no kwishyura,
- ✓ Gushyiraho uburyo buhamye bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano no kwakira ibyakozwe cyangwa ibyagemuwe na rwiyemezamirimo watsindiye isoko,
- ✓ Igihe rwiyemezamirimo watsindiye isoko atanze inyemezabuguzi, urwego rwa Leta ntirugomba kurenza iminsi y'akazi 3 rutarasubiza rwiyemezamirimo niba iyo nyemezabuguzi nta kibazo ifite,

- ✓ Igihe inyemezabuguzi ifite ikibazo, igomba gusubizwa rwiyemezamirimo wayitanze kandi uyu rwiyemezamirimo akagaragarizwa ibibazo biri muri iyo nyemezabuguzi agasabwa kuyikosora,
- ✓ Igihe Inyemezabuguzi yatanzwe na rwiyemezamirimo nta kibazo ifite, urwego rwa Leta ntirugomba kurenza iminsi iteganywa n'amasezerano rutarishyura iyo nyemezabuguzi keretse iyo hari impamvu yumvikana idaturutse kuri uru rwego,
- ✓ Igihe hari impamvu zidaturutse ku rwego rwa Leta zatuma inyemezabuguzi yatanzwe na rwiyemezamirimo atishyurwa mu gihe giteganywa n'amasezerano, urwego rwa Leta rugomba kwandikira rwiyemezamirimo rumusobanurira ibyo bibazo bituma atishyurwa kandi rukagenera kopi RPPA n'ikigo k'igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro (RRA).
- ✓ Hari inzego usanga zitinda kwakira imirimo ku masoko y'imirimo bigatuma rwiyemezamirimo atinda kwishyurwa. Nta rwego rwa Leta rwagombye kurenza iminsi 21 y'akazi, uhereye igihe rwaboneye ibaruwa ya rwiyemezamirimo ibisaba, rutarakira imirimo yakozwe na rwiyemezamirimo, cyeretse hari impamvu yamenyeshejwe uwo rwiyemezamirimo mu buryo bwanditse.

8. Uko rwiyemezamirimo amenyeshwa niba yarishyuwe

Iyo urwego rwa leta rumaze kwishyura rwiyemezamirimo, ni ukuvuga rwatanze "OP" kuri banki ya rwiyemezamirimo iri mu masezerano, rugomba guhita rumenyesha rwiyemezamirimo ko yishyuwe byashoboka rukamuha kopi ya "OP". Iryo menyekanisha rishobora gukorwa ku buryo bukurikira:

- ✓ Hashobora kwifashishwa ubutumwa bwanditse hakoreshejwe telefone (SMS) igendanwa,
- ✓ Hashobora kwifashishwa E-mail yandikiwe rwiyemezamirimo,
- ✓ Rwiyemezamirimo ashobora guhamagarwa hakoreshejwe telefone bakamusaba ko yaza gutwara kopi ya "OP",
- ✓ Binashobotse, urwego rushobora kumwandikira ibaruwa isanzwe rumumenyesha ko yishyuwe rukomekaho kopi ya "OP" igaragaza ko yishyuwe.